- HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Sosiyete ishamikiye kuri Kaminuza y' u Rwanda; **UR-HOLDINGS GROUP LTD**, iramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko ishaka kugurisha mu cyamunara ibikoresho bitagikoreshwa bigizwe ahanini n'ibikoresho byo mu biro no mu mashuri bigizwe n'intebe, ameza n'utubati, (**Chairs, sofas, tables and filling cabinets**), Ibitanda bikoze mu byuma **(metal beds)**, Inzugi zikoze mu mbaho **(Wooden Doors),** ibyuma bishaje (**Metallic Scraps**), Imbaho zishaje **(Wooden Scraps),** Purasitike zishaje **(Plastic Scraps),** Ibikoresho by'ubwubatsi bitandukanye **(Assorted construction materials),** Ibikoresho bya polomberi byakoreshejwe **(Used plumbing appliances and accessories),** Imashini zitanga amashanyarazi (**Power Generators**), Matela zakoreshejwe **(Used mattresses),** Amapine y'imodoka **(Vehicle tyres),** Bateri zakoreshejwe **(Used batteries),** Ibikoresho byifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro **(Fire extinguishers),** Ibikoresho bikoreshwa kwa muganga **(Medical equipment),** Imashini zimesa **(Washing Machine), 'Air compressors', Amagare akorehwa n'abafite ubumuga (Wheelchairs),** n'ibindi bikoresho bitandukanye.

Urutonde rurambuye rw'ibikoresho byose bigurishwa muri icyi cyamunara, aho bihererereye n'ingano yabyo biboneka ku rubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website).

Ibyo bikoresho bihererereye ku **mashami ya Kaminuza y'u Rwanda ariyo: UR Huye Campus, UR Busogo Campus, UR Nyarugenge Campus, UR Gikondo Campus ndetse no ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group LTD**

Cyamunara (Public Auction) izakorwa biciye mu buryo bw'ipiganwa bukoresheje amabahasha afunze (Bidding through sealed envelopes).

Gusura ibyo bikoresho aho bihererereye biteganyijwe mu minsi y'akazi guhera kuwa **Mbere, taliki ya 16 Ugushyingo 2026** kugeza kuwa **Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026, guhera saa yine za mugitondo (10:00AM) kugeza saa saa kumi za nimugoroba (16:00).**

Gusoza gutanga amabahasha afunze neza, akubiyemo ingwate y'ipiganwa biteganyijwe kuwa Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026 saa 17:00, ku isaha yo mu Rwanda. Amabahasha afunze neza, agaragaza site (s) upigana yapiganiye azatangwa ku cyicaro gikuru cya UR HOLDINGS GROUP LTD, gihererereye mu ishami rya Kaminuza y'u Rwanda, rya Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus), mu nyubako ya Ikaze (Ikaze Building), etaji ya mbere (1st floor), umuryango wa 105 (Logistics Office).

Ibiciro bya buri site bitangwa mw'ibahasha yabyo yihariye, bivuze ko site 1 igira ibahasha 1.

Cyamunara iteganyijwe ku mataliki akurikira:

- **Taliki ya 24 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihererereye ku ishami rya UR Huye (UR Huye Campus).
- **Taliki ya 25 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihererereye ku ishami rya UR Busogo (UR Busogo Campus)

- **Taliki ya 26 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus) hamwe n'ibikoresho biherereye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.
- **Taliki ya 27 Ugushyingo guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM)**: Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku ishami rya UR Gikondo (UR Gikondo Campus).
- **Taliki ya 30 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho biherereye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.

Icyitonderwa: Cyamunara yose izabera ku cyicaro gikuru cya Kaminuza y'u Rwanda (UR Head Office) giherereye I Nyarugenge (KN 75 Street)

Abifuza ibindi bisobanuro ndetse n'amabwiriza bigendanye n'icyi cyamunara, barasabwa gusura urubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website) arirwo: **https://ur.ac.rw** banyuze ahanditse **''Announcements''.**

Murakoze

Bikorewe I Kigali kuwa 12 Ugushyingo 2026

Nareisse MUGESERA
Umuyobozi Mukuru (CEO)
UR Holdings Group Ltd